

## **Vivons le Carême 2016 avec les messages de Kibeho.**

Le Carême est un temps précieux pour un chrétien où le déploiement de la charité, à travers les œuvres de miséricorde, revêt une importance capitale.

C'est le temps qui demande à tout un chacun de nous de s'éloigner des tentations et de se rapprocher davantage à Dieu.

Alors, laissons-nous guider par l'Esprit Saint durant ce Carême afin qu'Il nous positionne le plus proche possible de Dieu et spécialement de sa Miséricorde Divine.

C'est dans ce sens que l'Association des amis de la Vierge Marie notre Dame de Kibeho (AVMDKI) invite tous les frères et sœurs en Jésus Christ de vivre le Carême 2016 en méditant les messages reçus dans le cadre des apparitions de Kibeho.

A travers ces messages, la Vierge Marie ne cesse jamais de rappeler que le Christ est le SEUL salut incontournable pour l'homme, créé dans l'image de Dieu.

### **Première semaine du Carême 2016**

#### **Thème :**

Disons merci et reconnaissons que Jésus Christ nous a rachetés par Sa Sainte Croix.

#### **Message de Kibeho à méditer :**

Chant : Jésus est le Chemin

Extrait : Apparition de la Vierge Marie à Valentine Nyiramukiza le 15 mai 2002.

**V.M.** : «Ce chant, je le lui ai appris pour que beaucoup puissent y trouver un enseignement complet parce que je vous aime, je l'aime et vous aussi vous m'aimez. Tous les chants que nous lui apprenons contiennent tous des enseignements. Souvent, ils ne sont pas faciles à comprendre, vous devez demander le discernement».

**Valentine** : Entonne encore un chant :

**« Jésus est le Chemin, le Roi et l'Amour ; C'est Lui qui console, c'est Lui qui aide ; C'est le plus grand miséricordieux ; Il est Père, Il est plein de pardon ; On l'a fait souffrir, il a pardonné ; On l'a frappé, il a pardonné ; Il a été couronné d'épines, il a pardonné ; Seigneur, pardonne, ils ne savent pas ce qu'ils font ; Père qui es aux cieux, pardonne, ils ne savent pas ce qu'ils font. »**

**Valentine** après un petit temps de pause, elle chante à nouveau :

**« Mère, voici ton enfant, Fils, voici ta mère ; Seigneur, mon Dieu, pardonne, ils ne savent pas ce qu'ils font ; J'ai été maltraité, flagellé, bafoué ici sur terre. Maintenant, Père, je pardonne ; Mère Sainte, tu m'as donné la vie, tu m'as éduqué ; tu m'as offert à Dieu ; Père nourricier, bien aimé Père Joseph ; je remets mon âme entre les mains de Dieu. Mets-toi à genoux et lève les yeux vers le ciel ; offre tous tes biens à Dieu ; Ainsi, ton offrande du cœur sera acceptée ; Seigneur, mon Dieu, pardonne, pardonne ».**

**V.M. :** « Mes chers enfants, il y a longtemps que ce chant lui a été enseigné par Celui dont on ne croit pas qu'Il s'est manifesté. Il lui a été enseigné par votre Sauveur pour vous faire comprendre ses souffrances et vous faire comprendre comment il a été flagellé. Je vous le rappelle de nouveau car je constate que vous avez oublié que mon Fils vous rendait visite le 20 mars de chaque année. Son message n'a pas été accepté, il y en a même qui l'ignorent. Je vous reproche à vous aussi de ne pas vous en souvenir. En agissant ainsi, vous prêtez main forte à ceux qui n'y croient pas puisque vous-même, vous ne vous en souvenez plus. Qu'êtes-vous allés voir alors ? Vers qui alliez-vous ? Pour quelle raison partiez-vous de si bonne heure ? Même s'Il ne se manifeste plus, Il est toujours avec vous. Il n'est plus nécessaire que vous vous déplaciez pour vous y rendre. Peu nombreux sont ceux qui se souviennent de ce jour pour Lui présenter leurs doléances, pour Lui demander et Le prier comme ils le faisaient à Kibeho».

(D'après la traduction faite par Mr Côme RWABUZISONI), voir Site: [www.avmdki.org](http://www.avmdki.org)

### **Les prières à réciter :**

- Acte de contrition
- Prière d'invocation à l'Esprit Saint
- Prière d'invocation de Saint Michel Archange
- Notre Père (3x)
- Je vous salue Marie (3x)
- Gloire au Père (6x)

### **Actions :** Vendredi et Mardi.

- Adoration
- Messe
- Chemin de Croix
- Jeûne le vendredi.

## **Ubutumwa bw’i Kibeho budufashe muri iki gihe cy’igisibo cy’umwaka w’i 2016.**

Igisibo ni igihe cy’ingirakamaro ku mukristu kuko agomba kurangwa bidasubirwa n’urukundo rwuzuye ibikorwa byiza.

Muri icyo gihe, buri wese asabwa gukora iyo bwabaga akirinda by’umwihariko ikitwa ikizira.

Nimuze rero twese twishyire mu maboko ya Roho Mutagatifu maze atwegereze Imana, nuko byuzuzwe no kudushyitsa mu Mpuhwe z’Imana Nyirizina.

Uyu mwaka rero w’i 2016, ni muri iyo nzira Umuryango w’inshuti za Bikira Mariya w’i Kibeho uhamagarira abavandimwe bose bunze ubumwe muri Kristu, iyo bava bakagera, kugerageza kwibuka no kuzirikana ubutumwa Umubyeyi Bikira Mariya aduha mu mabonekerwa yagiriye i Kibeho kuva kera kugeza aya magingo.

Umubyeyi Bikira Mariya ntahwema kutugaragariza ko Yezu Kristu ari We WENYINE nzira, ukuri n’umukiro kuri mwene muntu waremwe mu ishusho ry’Imana.

### **Icyumweru cya mbere cy’igisibo cy’umwaka w’i 2016**

#### **Ingingo ngenderwaho:**

Akira Nyagasani Yezu, ishimwe ry’abibuka kandi bakazirikana ko wabacunguje Umusaraba wawe.

#### **Ubutumwa tuzirikana :**

Indirimbo : Yezu ni inzira

Igika cy’ibonekerwa ryo ku ikariki ya 15 Gicurasi 2002 : Bikira Mariya abonekera Valentine NYIRAMUKIZA.

#### **Bikira Mariya :**

« Iyo ndirimbo nayimwigishije kugira ngo abenshi bajye bakuramo inyigisho nyinshi kubera ko ndabakunda, nkamukunda, namwe mukankunda.

Inyigisho zose n'indirimo zose tumwigisha, byose bikubirwa no mu ndirimo tumwigisha. Ntiziba zoroshye ariko mujye musaba ubushishozi ».

**VAL.** : Atera indilimo Yezu yamwiyigishije ubwe :

«Yezu ni inzira, ni Umwami ni n'urukundo. Ni umuhoza ni n'umufasha, ni Nyir'impuhwe z'igisagirane. Ni Umubyeyi (2) Ni Umubyeyi, ni Nyir'imbabazi.

**Yarababajwe arababarira, yarakubiswe aca inkoni izamba, Yatamirijwe amahwa, arababarira. Nyagasani (2x), Nyagasani ca inkoni izamba ntibazi icyo bakora. Nyagasani(2x), Data uri mu ijuru, bababarire ntibazi icyo bakora ».**

**Valentine** (aceceka akanya, arongera araririmba ati):

«Ndababwiye nti: Mugore, dore umwana, mwana dore nyoko. Nyagasani (2), Mana yanjye, babarira (2x), babarira ntibazi icyo bakora. Narababajwe, narakubiswe, narasuzuguwe hano mu isi. None Dawe, ndababariye (2x). Mawe mwiza, ko wambyaye, warankujije, wantuye Imana. Murinzi wanjye unkunda, Data Yozefu, nshyize roho yanjye mu biganza by'Imana. Pfukama werekeze amaso mu ijuru. Uture Imana ibyawe byose, umutima wawe urakiriwe. Nyagasani Mana yanjye, babarira, babarira ».

**B.M.**: «Bana banjye, iyo ni indirimo namwigishije kera, yayigishijwe n'uwo batemera ko yabigaragarije. Yayigishijwe n'uwabacunguye kugira ngo abumvishe akababaro yagize, n'uko yakubiswe. Ndongera kubibutsa kuko mbona musa n'aho mwibagirwa ko Umwana wanjye yabasuraga ku itariki 20 z'ukwa 3 buri mwaka. Ari byo bitigeze byemezwa ko yaje ndetse hari n'abandi baba batabizi. Ariko namwe ndabagaya kuko mutajya muwubahiriza. Musonga mu batabyemera nk'aho namwe mutabyibuka. None se mwagiye kureba iki? Mwasangaga nde, mwazindikaga mugiyeye gukora iki? N'ubwo yasezeye, ariko murahorana. Singombwa ko muhaguruka ngo mukore urugendo ariko abibuka uwo munsu bakavuga isengesho ni bake. Mbese bakamusaba nk'uko bamusabaga ari i Kibeho».

**Amasengesho** :

- Isengesho ryo kwicuza ibyaha
- Isengesho ryo kwiyambaza Roho Mutagatifu
- Isengesho ryo kwiyambaza Mikayili Arkanjeli
- Dawe uri mu ijuru (3x)
- Ndakuramutsa Mariya (3x)
- Hubahwe (6x)

**Ibikorwa:** kuwa Gatanu no kuwa Kabiri

- Kumva misa ntagatifu
- Gushengerera
- Inzira y'umusalaba
- Kwiwiriza kuwa gatanu.